# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2023 Taliki 10-13 Gashyantare




**P1. Cycling:** Ikipe y' u Rwanda yegukanye imidali 9 muri shampiyona y'Afurika

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y’u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n’iby’abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y’Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by’umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n’ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y’u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Cycling:** Ikipe y' u Rwanda yegukanye imidali 9 muri shampiyona y'Afurika

P2 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 19 yagenze

P2 **FRSS :** Hatowe komite nshya, u Rwanda ruhabwa kwakira FEASSSA 2023

P3 **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P4 **Basketball:** Muri LDK hafunguwe ikibuga cyubatswe ku nkunga ya NBA Africa

P4 **Rugby:** Abatoza 21 n'abasifuzi 15 basoje amasomo yo ku rwego rwa mbere

P5 **RNOSC :** Hatowe Komite nshya ya Komisiyo y'abakinnyi

P5 **Rugby :** Lion de Fer RFC yatangiye imikino yo kwishyura yitwara neza

P6 **BAL 2023 :** REG BBC yatangiye kwitegura imikino yo mu itsinda A

# 1 **Cycling:** Ikipe y' u Rwanda yegukanye imidali 9 muri shampiyona y'Afurika

Kuva taliki 08 kugeza taliki 13 Gashyantare 2023 mu Mujyi wa Accra muri Ghana habereye shampiyona y'Afurika mu mukino wo gusiganwa ku magare mu muhanda « African Road Cycling Championships 2023 ».

Umukinnyi ukomoka muri Eritrea, Mulubrhan Henok akaba akinira ikipe ya Bardiani–CSF–Faizanè mu Butaliyani ni we wegukanye shampiyona y'Afurika muri uyu mwaka wa 2023 akaba ari ku nshuro ya kabiri kuko no muri 2022 ni we wari wayegukanye. Ku mwanya wa kabiri haje Hamza Yacine (Algeria) naho ku mwanya wa gatatu haza ED Doghmy Achraf (Maroc).

Mu bagore, Ukpeseraye Ese Lovina ukomoka muri Nigeria ni we wegukanye shampiyona y'Afurika. Ku mwanya wa kabiri haje Bamogo Awa (Burkina Faso) naho ku mwanya wa gatatu haza De Marigny-Lagesse Lucie (Mauritius).

**Ikipe y'u Rwanda yegukanye imidali 9**

Muri iyi shampiyona y'Afurika, abakinnyi 12 ni bo baserukiye u Rwanda aho bari mu byiciro bitatu. Mu cyiciro cy'abakinnyi bakuru n'abatarengeje imyaka 23 "Men Elite &U-23" hari Mugisha Moise, Muhoza Eric, Niyonkuru Samuel, Nsengimana Jean Bosco, Tuyizere Etienne na Uhiriwe Byiza Renus. Mu cyiciro cy'ingimbi "Men Junior" hari Nshutiraguma Kevin, Shyaka Janvier na Tuyizere Hashim. Mu cyiciro cy'abagore "Women Elite" hari Nirere Xaverine, Ingabire Diane na Nzayisenga Valentine bakinira ikipe ya Canyon/SRAM Generation mu Budage.

Aba bakinnyi b'u Rwanda bitwaye neza begukana imidali 9 muri rusange harimo 2 ya zahabu, 5 ya Feza n'indi ibiri y'Umulinga.

Imidali ibiri ya zahabu yegukanwe na Uhiriwe Byiza Renus mu gusiganwa mu muhanda "Road Race" mu batarengeje imyaka 23 "U-23" ndetse na Ingabire Diane na we mu batarengeje imyaka 23 mu gusiganwa mu muhanda "Road Race".
Imidali 4 ya Feza harimo uwegukanwe na Mugisha Moise mu gusiganwa n'isaha umukinnyi ku giti cye "Individual Time Trial" mu bagabo "Men Elite".

Ikipe y'u Rwanda yegukanye umudali wa Feza mu cyiciro cy'aho abakinnyi bakina bavanze abagore n'abagabo bagasiganwa n'isaha "Mixed Relay Team Time Trial". Iyi kipe yari igizwe na Tuyizere Etienne, Niyonkuru Samuel, Muhoza Eric, Nzayisenga Valentine, Ingabire Diane na Nirere Xaverine.

Nzayisenga Valentine yegukanye umudali wa Feza mu gusiganwa n'isaha umukinnyi ku giti cye "Individual Time Trial" mu bagore "Women Elite".

Umudali wa Feza wa 4 wegukanwe na Nirere Xaverine mu gusiganwa mu muhanda mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 23 "Women U-23 Road Race".

Ingabire Diane yegukanye umudali wa Feza mu cyiciro cyo gusiganwa n'isaha, umukinnyi ku giti cye "Individual Time Trial" mu batarengeje imyaka 23 "Women U-23".

Imidali 2 y'Umulinga yegukanwe n'ikipe y'u Rwanda mu bagabo no mu bagore mu gusiganwa n'isaha nk'ikipe "Team Time Trial". Ikipe y'u Rwanda mu bagabo yari igizwe na Uhiriwe Byiza Renus, Nsengimana Jean Bosco, Tuyizere Etienne na Mugisha Moise naho mu bagore igizwe na Nirere Xaverine, Nzayisenga Valentine na Ingabire Diane.

Shampiyona y'Afurika muri uyu mwaka wa 2023 yitabiriwe n'ibihugu 24.










## **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 19 yagenze

Kuva taliki 10 kugeza taliki 12 Gashyantare 2023 habaye imikino y'umunsi wa 19 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya Rayon Sports yitwaye neza itsinda APR FC igitego 1-0 bituma igaruka mu rugamba rwo guhatanira igikombe.

Imikino y'umunsi wa 20 izaba taliki 16, 17, 18 na 19 Gashyantare 2023.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 10-02-2023**
- Gasogi United **2-2** Rutsiro FC
- Rwamagana City **1-2** Kiyovu

**Taliki 11-02-2023**
- Etincelles FC **2-0** Espoir FC
- Gorilla FC **0-1** AS Kigali
- Police FC **2-0** Mukura
- Sunrise FC **1-2** Marines FC

**Taliki 12-02-2023**
- Bugesera FC **1-1** Musanze FC
- APR FC **0- 1** Rayon Sports

**Urutonde rwa shampiyona 2022-2023**

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 18 | 37 |
| 2 | Gasogi United | 18 | 35 |
| 3 | AS Kigali | 18 | 33 |
| 4 | Rayon Sports | 18 | 33 |
| 5 | Kiyovu | 18 | 32 |
| 6 | Etincelles FC | 18 | 30 |
| 7 | Police FC | 18 | 27 |
| 8 | Mukura | 18 | 25 |
| 9 | Sunrise FC | 18 | 23 |
| 10 | Musanze FC | 18 | 23 |
| 11 | Gorilla FC | 18 | 22 |
| 12 | Bugesera FC | 18 | 21 |
| 13 | Rutsiro FC | 18 | 17 |
| 14 | Rwamagana City | 18 | 16 |
| 15 | Espoir FC | 18 | 11 |
| 16 | Marines FC | 18 | 10 |




## **FRSS:** Hatowe komite nshya, u Rwanda ruhabwa kwakira FEASSSA 2023

Taliki 10 Gashyantare 2023 habaye amatora ya Komite nyobozi nshya y'ishyirahamwe ry'imikino yo mu mashuri mu Rwanda "FRSS".

Iyi Komite izayobora FRSS mu myaka 4 iri imbere iyobowe na Karemangingo Luke, akaba asanzwe ari umuyobozi wa GS Gahini, akaba yarasimbuye kuri uyu mwanya Padiri Gatete Innocent.

Ku mwanya wa Visi Perezida wa mbere hatowe Majyambere Jean d'Amour, Sibomana Ernest yatorewe kuba Visi Perezida wa kabiri, Rugasire Eusebius atorerwa kuba Umunyamabanga Mukuru na Mukandekezi Françoise atorerwa kuba Umubitsi.

Mu bandi batowe hari Uwimana Ismaël wagizwe Umujyanama. Hatowe n'abagize itsinda Tekinike ari bo Habiyambere Emmanuel wungirijwe na Nayirarora Elias na Remezo Jeanne.

Hatowe kandi abayobozi b'Inteko Rusange ya FRSS aho Perezida yabaye Padiri Gatete Innocent naho Visi Perezida akaba Rurangirwa Aaron.

**Imikino ya FEASSSA 2023 izabera mu Rwanda**

Nyuma y'amatora ya Komite nshya ya FRSS, taliki 13 Gashyantare 2023 ni bwo byatangajwe ko u Rwanda rwemerewe kwakira no gutegura imikino ihuza amashuri mu bihugu bigize umuryango w'ibihugu by'Afurika y'i Burasirazuba "FEASSSA 2023" izaba ku nshuro ya 20.

Iyi mikino hateganyijwe ko izaba taliki 17 kugeza 27 Kanama 2023 ikaba ishobora kubera mu Mujyi wa Huye mu Ntara y'Amajyepfo.

Iyi ni inshuro ya 4 u Rwanda rugiye kwakira imikino ya FEASSSA nyuma 2008 (Kigali), 2015 (Huye) na 2018 (Musanze).

Kuri iyi nshuro, igihugu cya RDC giherutse kwakirwa muri EAC kizaba cyemerewe kwitabira iyi mikino, ubu ibihugu byose akaba ari 7 (Rwanda, Burundi, Uganda, Tanzania, Kenya, South Sudan na RDC).



# Basketball: Uko imikino ya shampiyona yagenze

Kuva taliki 10 kugeza taliki 12 Gashyantare 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere n'icya kabiri mu bagabo .

**Uko imikino yagenze**

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D1, DAY 13 RESULTS

### FIRST LEG

**FRIDAY10/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| UGB | 66-63 | ORION BBC |
| APR BBC | 74-58 | K TITANS |
| PATRIOTS BBC | 77-62 | TIGERS BBC |
| REG BBC | 97-53 | RP IPRC KIGALI |

**SATURDAY11/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| RP IPRC HUYE | 69-65 | RP IPRC MUSANZE |
| PATRIOTS BBC | 67-60 | APR BBC |

**SUNDAY12/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| SHOOT 4 STARS | 86-57 | RP IPRC MUSANZE |
| RP IPRC HUYE | 54-63 | UGB |
| TIGERS BBC | 62-74 | ORION BBC |
| ESPOIR BBC | 70-76 | REG BBC |



## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D1 | ROUND 1 RANKING 12/2/2023

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | PATRIOTS BBC | 9 | 8 | 1 | 0 | 17 | 772 | 532 | 240 |
| 2 | REG BBC | 8 | 8 | 0 | 0 | 16 | 774 | 446 | 328 |
| 3 | APR BBC | 7 | 6 | 1 | 0 | 13 | 652 | 315 | 337 |
| 4 | ESPOIR BBC | 8 | 5 | 3 | 0 | 13 | 576 | 531 | 45 |
| 5 | K TITANS BBC | 8 | 5 | 3 | 0 | 13 | 613 | 561 | 52 |
| 6 | UGB | 8 | 4 | 4 | 0 | 12 | 494 | 572 | -78 |
| 7 | ORION | 8 | 4 | 4 | 0 | 12 | 604 | 569 | 35 |
| 8 | TIGERS BBC | 9 | 3 | 6 | 0 | 12 | 600 | 592 | 8 |
| 9 | SHOOT 4 STARS BBC | 6 | 3 | 3 | 0 | 9 | 395 | 504 | -109 |
| 10 | RP-IPRC HUYE BBC | 8 | 1 | 7 | 0 | 9 | 470 | 696 | -226 |
| 11 | RP-IPRC MUSANZE BBC | 9 | 0 | 9 | 0 | 9 | 449 | 891 | -442 |
| 12 | RP - IPRC KIGALI BBC | 6 | 0 | 6 | 0 | 6 | 339 | 529 | -190 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023 - MEN'S D2 DAY 5 RESULTS

### FIRST LEG

**SATURDAY11/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| UK BBC | 30-74 | KICUKIRO BUCKETS |
| FLAME | 72-52 | REBERO BB ACADEMY |
| RUSIZI BBC | 87-65 | ITS KIGALI |
| AZOMCO | 72-66 | WIBENA |
| UR KIGALI | 48-65 | INTARE |
| INSPIRED GENERATION BBC | 90-49 | BLACK THUNDERS BBC |
| KEPLER BBC | 93-40 | SPARTANS |
| ELITE | 55-65 | THE HOOPS |

**SUNDAY12/02/2023**

| | | |
|---|---|---|
| UR HUYE | 67-79 | FLAME |
| REBERO BB ACADEMY | 47-43 | SPARTANS |
| KARONGI BBC | 49-56 | ITS KIGALI |

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D2 | ROUND 1 RANKING 12/2/2023 - GROUP A

| TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| RUSIZI BBC | 5 | 5 | 0 | 0 | 10 | 387 | 295 | 92 |
| INTARE BBC | 4 | 3 | 1 | 0 | 7 | 289 | 242 | 47 |
| KICUKIRO BUCKETS | 4 | 3 | 1 | 0 | 7 | 229 | 190 | 39 |
| ITS KIGALI BBC | 4 | 2 | 2 | 0 | 6 | 290 | 248 | 42 |
| THE HOOPS | 3 | 2 | 1 | 0 | 5 | 210 | 200 | 10 |
| KARONGI BBC | 4 | 1 | 3 | 0 | 5 | 209 | 214 | -5 |
| UR KIGALI BBC | 3 | 1 | 2 | 0 | 4 | 169 | 186 | -17 |
| UK BBC | 4 | 0 | 4 | 0 | 4 | 178 | 363 | -185 |
| ELITE BBC | 3 | 0 | 3 | 0 | 3 | 163 | 186 | -23 |

G: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023 MEN D2 | ROUND 1 RANKING 12/2/2023 - GROUP B

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | FLAME BBC | 4 | 4 | 0 | 0 | 8 | 298 | 208 | 90 |
| 2 | AZOMCO BBC | 5 | 3 | 2 | 0 | 8 | 265 | 317 | -52 |
| 3 | INSPIRED GENERATION | 4 | 3 | 1 | 0 | 7 | 309 | 172 | 137 |
| 4 | WIBENA BBC | 4 | 2 | 2 | 0 | 6 | 286 | 249 | 37 |
| 5 | REBERO BB ACADEMY | 5 | 1 | 4 | 0 | 6 | 212 | 296 | -84 |
| 6 | KEPLER BBC | 3 | 3 | 0 | 0 | 6 | 225 | 145 | 80 |
| 7 | UR HUYE BBC | 4 | 1 | 3 | 0 | 5 | 250 | 276 | -26 |
| 8 | BLACK THUNDERS BBC | 3 | 1 | 2 | 0 | 4 | 165 | 213 | -48 |
| 9 | SPARTANS BBC | 4 | 0 | 4 | 0 | 4 | 143 | 277 | -134 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE

## **Basketball:** Muri LDK hafunguwe ikibuga cyubatswe ku nkunga ya NBA Africa

Taliki 10 Gashyantare 2023, muri Lycée de Kigali mu Rugunga hafunguwe ku mugaragaro ikibuga cyavuguruwe ku nkunga ya NBA Africa.

Iki kibuga kikaba kizafasha abana barenga ibihumbi 4 bo muri Kigali no mu nkengero kwiga ndetse no gukina umukino wa Basketball.

Uretse kuba iki kibuga kizafasha abana kuzamura urwego rwabo rw'imikinire cyatangiye gukinirwaho imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere n'icya kabiri mu bagabo.

Iki kibuga cya LDK kiri mu nzu y'imikino yari isanzwe muri iki kigo ariko cyaravuguruwe gishyirwa ku rwego rwiza aho gishobora kwakira abantu 1,500 bicaye neza.










## **Rugby:** Abatoza 21 n'abasifuzi 15 basoje amasomo yo ku rwego rwa mbere

Mu rwego rwo gukomeza kubaka ubushobozi mu mukino wa Rugby mu Rwanda, ishyirahamwe ry'uyu mukino "RRF", taliki 10 Gashyantare 2023 ryateguye amahugurwa yo ku rwego rwa mbere " Level 1" ajyanye no gusifura ndetse no gutoza.

Aya mahugurwa yateguwe ku bufatanye n'ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby muri Afurika "Rugby Africa" atangwa na Robert Bwali ushinzwe iterambere ry'umukino wa Rugby muri Afurika by'umwihariko Afurika y'i Burasirazuba no hagati akaba yarafatanyije na John Bosco Muamba.

Uretse amahugurwa ajyanye n'imisifurire igezweho no gutoza, banahawe amasomo y'ubumenyi bw'ibanze mu gufasha no kurinda umukinnyi wagiriye imvune mu gihe cy'umukino cyangwa mu myitozo "Activate Prevention Injuries".

Aya mahugurwa yitabirwa n'abatoza 21 n'abasifuzi 15 abera mu Mujyi wa Kigali.

Yakozwe mu byiciro bibiri, harimo ikiciro cyo mu ishuri ndetse no ku Kibuga mu rwego rwo gushyira mu ngiro ibyo abahuguwe bize.

Ku ruhande rw'abasifuzi, bahuguwe na John Bosco Muamba ukomoka muri Kenya naho Robert Bwali ahugura abatoza.

Aya mahugurwa yabaye nyuma y'ayandi yabaye taliki 28 Mutarama 2023 y'abasifuzi ndetse n'abatanga ubuvuzi bw'ibanze mu gihe cy'umukino bari kumwe n'abashinzwe iterambere ry'umukino wa Rugby mu Turere.

Kugeza ubu, abasifuzi bo ku rwego rwa mbere "Level 1" imbere mu gihugu bagera kuri 30, mu gihe abatoza bagera ku 120. Abo ku rwego rwa kabiri " Level 2" ni abasifuzi 10 n'abatoza 10.

Gusa nk'uko muri RRF babitangaza, intego ni ukugera kuri 500 mu gihugu hose, mu rwego rwo gufasha kugeza kure uyu mukino no kuwumenyekanisha.



## **RNOSC :** Hatowe Komite nshya ya Komisiyo y'abakinnyi

Kuri iki Cyumweru taliki 12 Gashyantare 2023 ku cyicaro cya Komite Olempike y'u Rwanda (RNOSC) i Remera habereye igikorwa cy'amatora ya Komite nyobozi nshya ya Komisiyo y'abakinnyi muri RNOSC.

Komite nshya igizwe na Mugabe Aristide (Basketball) watorewe kuba Perezida. Visi Perezida yabaye Yankurije Marthe, OLY (Athletics). Ku mwanya w' Umunyamabanga hatowe Igihozo Cyuzuzo Yvette (Volleyball).

Hatowe kandi n'Abajyanama ari bo Maniraguha Eloi, OLY (Swimming), Uwayo Clarisse (Taekwondo) na Semana Jean (Sitting Volleyball).

Komite nyobozi icyuye igihe ikaba yari iyobowe na Ntagengwa Olivier (Volleyball).

Komite mpuzamahanga y'imikino Olempike "IOC" igaragaza ko inshingano za komisiyo y'abakinnyi ari ukuvuganira bagenzi babo kugira ngo bageze ibitekerezo byabo muri Komite Olempike.






## **Rugby :** Lion de Fer RFC yatangiye imikino yo kwishyura yitwara neza

Taliki 11 na 12 Gashyantare 2023 ni bwo hasubukuwe shampiyona ya Rugby "Rwanda Rugby League Season 2022-2023" mu cyiciro cy'abakina ari 15 "15 Aside" mu bagabo.

Mu mikino yabaye, ikipe ya Lion de Fer RFC yari yasoje imikino ibanza iyoboye urutonde yasubukuye iyi mikino yo kwishyura yitwara neza aho yatsinze ikipe ya Thousand Hills RFC zihora zihanganye.

Uyu mukino wabereye ku kibuga cya Croix Rouge Kacyiru taliki 11 Gashyantare 2023 aho warangiye Lion de Fer RFC itsinze Thousand Hills RFC amanota 24 kuri 21.

Undi mukino wabaye, Ikipe ya Kigali Sharks RFC yatsinze Resilience RFC amanota 17 kuri 12.

Taliki 12 Gashyantare 2023 habaye umukino umwe aho ikipe ya Kamonyi Puma RFC yatsindiwe iwayo na Muhanga Thunders amanota 117 kuri 07. Iyi kipe ya Kamonyi Puma RFC ikaba nta mukino n'umwe irabasha gutsinda.

Nyuma y'imikino y'umunsi wa gatandatu wa shampiyona, ikipe ya Lion de Fer RFC ikomeje kuyobora urutonde n'amanota 25, Thousand Hills RFC ku mwanya wa kabiri n'amanota 17, Kigali Sharks RFC (14) , Muhanga Thunders RFC (13), Resilience RFC (08) na Kamonyi Puma RFC ku mwanya wa nyuma wa 6 aho nta nota na rimwe ifite.

**Uko imikino yagenze**

- Kigali Sharks RFC **17-12** Resilience RFC
- Lions de Fer RFC **24-21** Thousand Hills RFC
- Kamonyi Puma RFC **07-117** Muhanga Thunders





# BAL 2023 : REG BBC yatangiye kwitegura imikino yo mu itsinda A

Ikipe ya REG BBC yatangiye kwitegura imikino yo mu itsinda A "Sahara Conference" mu mikino y'Afurika "Basketball Africa League (BAL 2023)".

Iyi mikino yo mu itsinda A "Sahara Conference" izabera muri Dakar Arena muri Senegal taliki 11 kugeza taliki 21 Werurwe 2023.

Iri tsinda rigizwe na ABC Fighters (Côte d'Ivoire), AS Douanes (Senegal), Kwara Falcons (Nigeria), REG BBC (Rwanda), Stade Malien (Mali) na US Monastir (Tunisia).

Aya makipe azakina hagati yayo hanyuma 4 ya mbere abone itike yo kuzakina imikino ya nyuma.

**Imikino yo mu itsinda B izabera mu Misiri**

Nyuma y'imikino yo mu itsinda A izabera muri Senegal, biteganyijwe ko taliki 26 Mata kugeza taliki 06 Gicurasi 2023 hazaba imikino yo mu itsinda B "Nile Conference", ikaba izabera muri Hassan Mostafa Indoor Sports Complex i Cairo mu Misiri.

Iri tsinda B rigizwe na Al Ahly (Egypt), Cape Town Tigers (South Africa), City Oilers (Uganda), CFV Beira (Mozambique), Petro de Luanda (Angola) na SLAC (Guinea). Muri iri tsinda na ho amakipe azahura hanyuma 4 ya mbere akomeze mu mikino ya nyuma.

Biteganyijwe ko imikino y'icyiciro cya nyuma "Playoffs & Finals" izabera mu Rwanda muri BK Arena kuva taliki 21 kugeza 27 Gicurasi 2023.

Iri rushanwa rifite abaterankunga batandukanye barimo RDB, NIKE, Jordan Brand and Wilson, Hennessy na Envol City.

Ikipe ya REG BBC muri BAL 2022 yitwaye neza mu itsinda A "Sahara Conference" ikomeza ari iya mbere gusa iviramo muri ¼ itsinzwe na FAP yo muri Cameroun yari yabaye iya 4 mu itsinda B. Uyu mwaka iyi kipe ikaba ifite intego yo kwitwara neza ikaza mu makipe 4 ya mbere ndetse ikarenga muri ¼ cy'irangiza.

Ubwo imikino ya BAL yabaga bwa mbere muri 2021, ikipe ya Patriots BBC yari ihagarariye u Rwanda yageze muri ½ cy'irangiza isoreza ku mwanya wa 4 muri rusange.

Irushanwa riheruka "BAL 2022" ryegukanwe n'ikipe ya US Monastir yo muri Tunisia itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Petro de Luanda yo muri Angola amanota 83 kuri 72. Ikipe ya Zamalek BBC yo mu Misiri yegukanye BAL 2021 ubwo yakinwaga bwa mbere yasoreje ku mwanya wa 3.















Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave